REPUBULIKA Y'U RWANDA

UMUJYI WA KIGALI
AKARERE KA KICUKIRO
Po Box: 657 Kigali

ITANGAZO RISABA IBYANGOMBWA ABAREZI BIFUZA GUHINDURIRWA AHO BAKORERA

Ubuyobozi bw'Akarere ka Kicukiro buramenyesha abarezi bifuza guhindura aho bakorera haba imbere mu Karere (Internal transfer); cyangwa abashaka kwimukira mu Karere ( External transfer) ko basabwe kuzuza ibyangombwa bikurikira:

**Ku bifuza kwimukira mu Karere ka Kicukiro bavuye mu tundi Turere :**

1. Ibaruwa isaba yandikiwe Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Kicukiro igaragaza ikigo yifuza gukoreramo, inyujijwe (sous couvert) ku Muyobozi w'Akarere k'aho asanzwe akorera;
2. Fotokopi y'impamyabushobozi ahemberwa itariho umukono wa Noteri;
3. Fotokopi y'indangamuntu;
4. Fotokopi y'ibaruwa y'akazi imushyira mu mwanya burundu;
5. Icyemezo cy'amanota y'isuzumamikorere atari munsi ya 70% umwalimu yagize mu mwaka w'amashuri wa 2019;
6. Icyemezo gitangwa n'Umuyobozi w'ishuri yigishamo kigaragaza ko aho yigisha nta cyuho kizasigara mu gihe yaba yimuwe;
7. Icyemezo cy'imyitwarire myiza mu kazi cyatanzwe n'Umugenzuzi w'Uburezi ku rwego rw'Umurenge amaze kugisha inama Umuyobozi w'ishuri umwarimu yigishamo.

**Ku barezi bifuza kwimurwa imbere mu Karere ka Kicukiro**

1. Ibaruwa isaba yandikiwe Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Kicukiro igaragaza ikigo yifuza gukoreramo;
2. Icyemezo gitangwa n'Umuyobozi w'ishuri yigishamo kigaragaza ko aho yigisha nta cyuho kizasigara mu gihe yaba yimuwe;
3. Fotokopi y'indangamuntu;
4. Fotokopi y'impamyabushobozi ahemberwa itariho umukono wa Noteri;
5. Ibaruwa y'akazi imushyira mu mwanya burundu.

Ibaruwa isaba yandikiwe Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Kicukiro ndetse n'ibindi bisabwa byavuzwe haruguru, bizakirwa biciye ku rubuga rw'Akarere: **info@kicukiro.gov.rw** kuva ku wa 10/07/2020 kugeza ku wa 16/07/2020 saa kumi n'imwe z'umugoroba (17: 00 pm).

**Icyitonderwa**: Dosiye itujuje ibisabwa ntizahabwa agaciro.

Mugire amahoro.

**UMUTESI Solange**
Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Kicukiro

AKARERE KA KICUKIRO